Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
Akarere ka Kamonyi

# "NEWSLETTER" GASHYANTARE 2025

## INKOMEZABIGWI ZASHIMIWE UMUSANZU WAZO MU KUBAKA IGIHUGU

Hirya no hino mu Mirenge yose igize Akarere ka Kamonyi, none habaye ibirori byo gusoza urugerero rw'inkomezabigwi icyiciro cya 12. Inkomezabigwi ni abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye, iki cyiciro cya 12 kigizwe n'abarangije mu mwaka w'amashuri wa 2023/2024.

Mu Kagari ka Kabagesera niho habereye ibirori byo gusoza Urugerero rw'Inkomezabigwi icyiciro cya XII. Iyi gahunda yo ku rwego rw'Akarere yitabiriwe n'intore z'abanyeshuri barangije amashuri umwaka ushize, abaturage, abayobozi n'abafatanyabikorwa b'Akarere. Igikorwa cyo gusoza urugerero, cyaranzwe no gutaha isoko ryubatswe, irerero n'icyumba mpahabwenge mu ikoranabuhanga byubatswe bigizweho uruhare n'urugerero rw'Inkomezabigwi icyiciro cya 12.

Mu butumwe bukuru bw'umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, yashimiye uruhare rw'Izi ntore mu gutanga umusanzu wabo mu guharanira imibereho myiza y'abaturage.

Basabwe gukomeza iryo shyaka ry'urukundo ku gihugu cyabo n'imiryango yabo, kuko nibyo bigaragaza ukwishakamo ibisubizo no kwigira nyakuri.

Muri iki gikorwa abayobozi batambagiye iri soko ryatangiye kurema, habayeho kugaburira abana indyo yuzuye bibera muri ECD yuzuye, habayeho kandi no kugaragaza ibimaze gukorwa no kugerwaho mu cyumba mpahabwenge.








## ABAKOZI B'AKARERE BIBUKIJWE KO BAFITE URUHARE MU GUHARANIRA UKWISHYIRA UKIZANA KWA AFURIKA



Mu nama yabereye ku cyicaro cy'Akarere i Gihinga yahuje abagize inzego z'Umuryango "PanaAfrican Movement" umuryango uharanira ukwishyira ukizana kwa Afurika yateranye tariki 24 Gashyantare 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel wayoboye iyi nama yibukije abitabiriye inama ko kugira ngo Afurika ibe umugabe mwiza kandi ufite ijambo mu ruhando mpuzamahanga bafite uruhare rwo gukomeza kubiharanira nk'abanyafurika.

I



Ibiganiro byitabiriwe n'abayobozi ba PAM ku rwego rw'Umurenge, abagize komite ku rwego rw'Akarere hamwe n'abakozi bakorera ku cyicaro cy'Akarere ka Kamonyi hakaba haranakozwe amatora y'inzego za PAM ku rwego rw'Akarere.



Ibiganiro byitabiriwe n'abayobozi ba PAM ku rwego rw'Umurenge, abagize komite ku rwego rw'Akarere hamwe n'abakozi bakorera ku cyicaro cy'Akarere ka Kamonyi hakaba haranakozwe amatora y'inzego za PAM ku rwego rw'Akarere.

# ITSINDA RY'ABAKOZI BA NISR BAKOZE ISUZUMA RY'IMIHIGO Y'AKARERE RY'AMEZI ATANDATU ASHIZE



Ku wa kabiri tariki 25 Gashyantare 2025, habaye inama ifungura ubu bugenzuzi yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel, umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho myiza Mme Uwiringira Marie Josee, umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere bwana Bushayija Fred, Umuyobozi wa JADF mu Karere bwana Semugaza Tharcisse, abayobozi b'inzego z'umutekano n'abakozi bakorera ku cyicaro cy'Akarere.

Itsinda ry'abakozi b'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare riyobowe na bwana Dusenge Patrick kuva tariki 25-27 Gashyantare 2025, ryasuye Akarere ka Kamonyi mu isuzuma ry'imihigo y'Akarere y'uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024/2025. Muri iki gikorwa cy'iminsi 3 hibanzwe ku kugenzura raporo z'ibikorwa by'imihigo, itsinda ryanasuye imwe mu mishinga harebwa uko ihagaze.





# ABAYOBOZI BAFATANYIJE N'ABATURAGE MU MUGANDA WO GUFATA NEZA IBIKORWAREMEZO

Tariki 22 Gashyantare 2025, hirya no mu Mirenge abaturage bafatanyije n'abayobozi babo mu bikorwa by'umuganda rusange usoza ukwezi kwa Gashyantare 2025.

Mu Kagari ka Sheli Umurenge wa RUGALIKA niho habereye ku rwego Umuganda rusange usoza ukwezi kwa Gashyantare 2025. Ni umuganda wibanze ku gukora ibikorwaremezo by'imihanda (gusibura rigoles, gukora amateme, guharura ibyatsi biri ku muhanda).





Iki gikorwa cy'umuganda cyitabiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyepfo bwana Nshimiyimana Vedaste. Hari kandi umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, VM Ushinzwe imibereho myiza, umubitsi w'Impapuro mpamo z'ubutaka ku rwego rw'Intara bwana Muyombano Sylvain, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere,...



Nyuma y'umuganda haganiriwe ku mategeko agenga imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka, hatanzwe ikiganiro ku kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside. Abitabiriye banunguranye ibitekerezo ku kwicungira umutekano.



# HAKOZWE ISUZUMA RY'IBIKORWA BY'URUGERERO RW'INKOMEZABIGWI ICYICIRO CYA XII



Itsinda riyobowe n'Umuyobozi Mukuru muri MINUBUMWE bwana Gasana Pascal ryaturutse muri MINUBUMWE kuwa 18 Gashyantare 2015 ryasuye Akarere ka Kamonyi gusuzuma ibimaze kugerwaho n'Urugerero rudaciye ingando rw'abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye 2023/2024 (Inkomezabigwi XII).



Abagize itsinda bagejejweho uko Urugerero rwakozwe muri rusange iki cyegeranyo cyakozwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere.

Nyuma habayeho gusura bimwe mu bikorwa: inzu yubakiwe umuturage utishoboye mu Kagari ka Gihinga Umurenge wa Gacurabwenge.



Hasuwe kandi mini market, ECD na IT Room byubatswe mu Kagari ka Kabagesera, ndetse n'inyubako y'Akagari ka Kagina Umurenge wa Runda. Muri iyi gahunda yose ubuyobozi bw'Akarere bwari kumwe n'abagize inama y'umutekano itaguye.



# ABAYOBOZI BAKURIKIRANYE IBIKORWA BY'URUGERERO MU MIRENGE








Umuyoboi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe n'abandi bagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere tariki 11 Gashyantare 2025 basuye site y'Urugerero mu Kagari ka Kabagesera Umurenge wa Runda. Iyi gahunda yari igamije kureba aho imirimo igeze yo kubaka isoko rya kijyambere, irerero n'icyumba mpahabwenge.

Kuri site y'urugerero ya Kabagesera Umurenge wa Runda, aho imirimo igeze harashimishije, biratanga icyizere ko mu gihe cya vuba izi nyubako zizaba zuzuye. Abagize komite nyobozi batanze inama z'ibikwiye kwitabwaho kugira ngo izi nyubako zizafashe koko mu mibereho y'abaturage



# ABASHYITSI BATURUTSE MURI BENIN NA COTE D'IVOIRE BASUYE BIMWE MU BIKORWA BY'AKARERE KA KAMONYI



Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yakiriye itsinda ry'intumwa zaturutse mu buyobozi bw'ibihugu bya Benin na Cote d'Ivoire.

Uru ruzinduko rwateguwe ku bufatanye n'umuryango Care International mu rwego rwo kureba uko u Rwanda rwashyize mu bikorwa ingamba zikubiye mu cyerecyezo 2020 zigamije kwikura mu bukene (Vision 2020 Umurenge).



Mu Murenge wa Musambira aba bashyitsi barebye uko ibimina bifasha abaturage mu kwiteza imbere no kuzamura imibereho myiza yabo. Banarebye kandi uko inguzanyo za VUP FS ziteza imbere abaturage. Itsinda ryari riherekejwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage Mme Uwiringira Marie Josée.



## HAKOZWE INAMA Y'UMUTEKANO YAGUYE Y'AKARERE



Ku gicamunsi cyo kuwa 04 Gashyantare ku biro by'Akarere habereye inama y'umutekano yaguye iyobowe na Dr. Nahayo Sylvere Umuyobozi w'Akarere. Inama yitabiriwe n'Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Fulgence Furaha, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee n'abandi bagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere.

Hagarutswe ku kurebera hamwe uko umutekano wari wifashe mu mezi 2 ashinze (Ukuboza 2024 & Mutarama 2025), imikorere y'Irondo, imigendekere y'itangira ry'amashuri igihembwe cya 2 ndetse n'imigendekere y'urugerero rw'Inkomezabigwi icyiciro cya 12.

Inama yitabiriwe n'abayobozi b'Imirenge, abakuriye sitasiyo za Polisi mu Mirenge, abayobozi ba DASSO n'Inkeragutabara mu Mirenge.





# HIZIHIJWE UMUNSI MUKURU W'INTWARI Z'IGIHUGU CYACU CY'U RWANDA



Tariki 01 Gashyantare, hirya no hino mu Karere habereye ibirori byo kwizihiza umunsi mukuru w'Intwari z'u Rwanda. Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti" Ubutwari n'Ubumwe bw'Abanyarwanda, Inkingi z'Iterambere".

Ku Kibuga cya GS Bunyonga mu Murenge wa Karama niho habereye ku rwego rw'Akarere ibirori byo kwizihiza ku nshuro ya 31 umunsi w'Untwari byabimburiwe no gutaha ku mugaragaro ikiraro cya Kinyaruka gihuza Imirenge ya Karama na Kayumbu, cyubatswe mu rwego rwo koroshya ubuhahirane ku batuye iyi Mirenge. Iki kiraro cyari cyaratwawe n'ibiza.

Iyi gahunda yitabiriwe n'Itsinda ry'Abadepite bayobowe na Hon. Depite UWAMARIYA Odette, aba badepite bakaba bamaze iminsi mu Karere basura ibikorwa bitandukanye by'iterambere n'imibereho myiza.

Ku rwego rw'Akarere hari Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, Inzego z'umutekano ku rwego rw'Akarere n' Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere bwana Bushayija Fred. Habayeho no koroza imiryango muri gahunda ya Girinka Munyarwanda.

Mu yindi Mirenge: Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel yifatanyije n'abaturage bo mu Kagari ka Gihara Umurenge wa Runda, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho myiza Mme Uwiringira Marie Josee yifatanyije n'abatuye Akagari ka Nyarubuye Umurenge wa Rugalika .

no mu yindi Mirenge hatashywe ibikorwa bitandukanye by'iterambere dukesha intwari zitangiye u Rwanda.



# UBUYOBOZI BWAGANIRIYE N'ABASHORAMARI KU ITERAMBERE RY'AKARERE

Tariki 28 Gashyantare 2025 ku Ruyenzi mu Murenge wa Runda ku gicamunsi habereye inama nyunguranabitekerezo ku ishoramariyatumiwemo abashoramari mu ngezi zitandukanye iyi nama yayobowe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Madame Kayitesi Alice. Inama yateguwe n'Akarere ku bufatanye na PSF mu rwego rwo kugaragaza amahirwe ari muri Kamonyi yashorwamo imari bikagira uruhare mu iterambere ry'Akarere.





Abashoramari bagejeje ku buyobozi bw'Akarere ibitekerezo ku mishinga minini yashorwamo imari igatanga akazi kuri benshi bityo iterambere rikarushaho kwihuta. Ubuyobozi nabwo bwagaragaje ko bwiteguye gukomeza kubaka ibikorwaremezo (amazi, amashanyarazi n'imihanda,....) kuko aribyo rufunguzo rw'ishoramari. Hagaragajwe ko hari amahirwe mu gushora imari mu bukerarugendo, kubaka ibikorwa bihuriweho ku nyungu rusange (gare routiere igeweho, amasoko ya kijyambere, Kaminiza,..) yi nama yitabiriwe na Mme Kayitesi Alice, Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere n'abagize komite nyobozi, Perezida wa PSF mu Karere bwana Munyankumburwa Jean Marie, abagize inzego z'umutekano bose bari bitabiriye iyi nama.





# HASHOJWE AMARUSHANWA KAGAME CUP MU MASHURI





Kuri sitade ya Ruyenzi mu Murenge wa Runda habereye imikino ya nyuma mu marushanwa “Amashuri Kagame Cup” . Insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti" Imiyoborere Myiza, Umusingi w'Iterambere" akaba agamije gufasha abanyeshuri kwidagadura no gukuza impano zabo mu mikino inyuranye. Perezida wa FERWAFA ariryo shyirahamwe ry’umupira w’Amaguru mu Rwanda bwana Munyantwari Alphonse yitabiriye iyi gahunda.

Hari kandi Umuyobozi w’Akarere Dr Nahayo Sylvere, abakanyujijeho muri ruhago y'u Rwanda, abayobozi muri "federation" ya siporo mu mashuri, abafatanyabikorwa, abafana b'amakipi n'abaturage muri rusange bitabiriye iyi mikino ibereye ijisho.
Mu bahungu Ikipe y'Ikigo cy'Amashuri ECOSE Musambira yahuye ku mukino wa nyuma n'ikipe y'umupira w'amaguru ya Runda TSS.

Aya niyo makipi yahigitse andi mu majonjora abona itike yo gukina umukino wa nyuma wo ku rwego rw'Akarere.
Mu bakobwa, ikipe ya GS Remera Rukoma yakinnye n’ikipe ya GS Saint Dominique Gihara ku mukino wa nyuma.

Mu gitondo habaye kandi amarushanwa muri Hand ball, Volley Ball na Basket ball yose mu mashuri ku rwego rw’Akarere.-Hatanzwe ibikombe ku makipe yahize ayandi muri discipline zinyuranye, abayobozi batanze ubutumwa bushishikariza urubyiruko gukunda siporo no kurangwa n’imyitwarire myiza mu buzima bwabo.







# HASHOJWE AMARUSHANWA UMURENGE KAGAME CUP 2024/2025



Kuri sitade ya Ruyenzi mu Murenge wa Runda niho habereye ku rwego rw'Akarere igikorwa cyo gusoza amarushanwa Umurenge Kagame Cup muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2024. Ni amarushanwa yitabiriwe n'amakipe y'abagabo n'abagore mu Mirenge ya Karama, Rukoma, Kayenzi na Mugina.



Mu bagore ikipe y'Umurenge wa Kayenzi niyo yegukanye igikombe ihigitse ikipe y'Umurenge wa Mugina bakaba batabawe na Penaliti kuko iminota y'umukino yarangiye nta kipi yinjije igitego.
Mu bagabo ikipe y'Umurenge wa Karama yatsinze ikipe y'Umurenge wa Rukoma 2-1 bityo Karama yegukana igikombe ityo.



Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yitabiriye iyi mikino, yashimiye uko imikino yagenze kuva igitangira, asaba urubyiruko gukomeza gukuza impano zabo mu mikino ariko bakirinda ibiyobyabwenge kuko byangiza ubuzima. Iki gikorwa cyanitabiriwe n'Umuyobozi w'Inkeragutabara mu Karere Lt. Colonel Eliphaz Mugisha hamwe n'uhagarariye ingabo zikorera mu Karere n'abayobozi b'Imirenge. Hatanzwe ibyemezo by'shimwe ku Mirenge hamwe n'ibikombe ku bakipi yahize andi



# ABESAMIHIGO NEWSLETTER

**GASHYANTARE 2025**

## HASHOJWE AMAHUGURWA KU ISANAMITIMA NO KUBAKA AMAHORO ARAMBYE

Tariki 14 Gashyantare 2025 Umufatanyabikorwa w'Akarere Ubuntu Center for Peace yasoje amahugurwa (graduation) y'amatsinda y'abubatsi b'amahoro bo mu Mirenge ya : Gacurabwenge, Karama na Mugina akaba ari amatsindaagizwe n'Abubatsi b'amahoro 60 (20 kuri buri Murenge) bari bamaze iminsi 20 bahugurwa.





Umujyanama wa Komite Nyobozi Bwana MAJYAMBERE Samuel watanze impanuro kuri aba bubatsi b'Amahoro yabasabye kugenda bakaba Urumuri muri sosiyete aho baturutse kandi bagaharanira kubungabunga ubuzima bwo mu mutwe bwa buri wese bagendeye ku bumenyi bahawe muri aya mahugurwa basoje hamwe gusigasira Ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.







# URUZINDUKO RW'ABITABIRIYE INAMA MPUZAMAHANGA IBERA KIGALI, KU KWITA KU MURIMO N'IMIBEREHO MYIZA

Tariki 12 Gashyantare 2025,Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe n'abagize komite nyobozi ndetse n'inzego z'umutekano; yakiriye abashyitsi baturutse mu bihugu bya Nigeria, Sri Lanka, Nepal, Kyrgyz Republic, Zambia, Kenya, Sierra Leone, Ghana na Inde bitabiriye inama mpuzamahanga iri kubera Kigali yiga ku kwita ku mibereho myiza n'ihangwa ry'umurimo. Ni inama yateguwe na Guverinema y'u Rwanda ku bufatanye na Banki y'Isi.





Abashyitsi basuye koperative CORIMU (Gacurabwenge) ihinga umuceri, banasuye isoko ry'imboga n'imbuto rya Mushimba. Hasuwe kandi abadozi b'abakobwa babyariye iwabo n'ababoshyi b'agaseke mu Murenge wa Gacurabwenge.



**Faustin NTAKIRUTIMANA**
**"PR, Media & Communications"**